# NEWSLETTER
## DECEMBER 2022




PHOTOS: APEFA DIRECTOR ATTENDED POLISH-RWANDAN BUSINESS FORUM| PHOTO: N. GIRAMAHORO BENIE -PAGE 7

www.apefarwanda.org

APEFA RWANDA

# NEWSLETTER CONTENTS


1-3. Nyanza: APEFA yashyikirije amabati yo gusakara ubwiherero imiryango 150

4-6. GISAGARA: APEFA yifatanyije n'abaturage mu gikorwa cy'umuganda

7-8. APEFA Executive Director attended Polish-Rwandan business forum

9. APEFA Executive Director attended World Circular Economy Forum 2022



## NYANZA: APEFA YASHYIKIRIJE AMABATI YO GUSAKARA UBWIHERERO IMIRYANGO 150

Ku wa Kabiri, tariki 13 Ukuboza 2022, Umuryango utari uwa Leta uharanira kubungabunga ibidukikije, guteza imbere ubuhinzi no kurwanya ubukene (APEFA), washyikirije inkunga y'amabati yo gusakara ubwiherero imiryango 150 yo mu mirenge 3 yo mu Karere ka Nyanza, Intara y'Amajyepfo, mu rwego rwo kugira ngo bakomeze kwita ku isuku mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Iyi miryango yahawe iyi nkunga y'isakaro ry'ubwiherero, irimo; imiryango 60 yo mu murenge wa Kigoma, 60 yo mu murenge wa Muyira na 30 yo mu murenge wa Kibirizi.

Iki gikorwa cyabereye mu 'Nteko y'abaturage' yateraniye mu Murenge wa Kigoma, Akagari ka Butara, Umudugudu wa Kigufi, APEFA yari ihagarariwe na Kubwayezu Livingstone, Umuyobozi ushinze imiyoborere n'umutungo ndetse kitabiriwe na Visi Mayor ushinzwe imibereho myiza y'abaturage mu Karere ka Nyanza, Madamu Kayitesi Nadine ndetse n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kigoma, Mukantaganzwa Brigitte.

Umuyobozi ushinze imiyoborere n'umutungo muri APEFA, Kubwayezu Livingstone yatangaje ko bishimiye gutanga amabati yo gusakara ubwiherero ku baturage bari bakeneye ubufasha. Asaba abaturage ba Butara kwita ku isuku, kubungabunga ibidukikije no kurwanya ubukene bagamije iterambere ry'umuryango.

"Babigishije kugira isuku nizere ko bitaza kuba amasigaracyicaro, mugerageze tugire isuku, tujyanemo twubake ubwiherero, kuko burya hariya ni ahantu umuntu wese akenera kujya, niyo mpamvu ku bufatanye n'Akarere, twamenye ko hari abantu badafite ubushobozi bwo kubona ubwiherero, bityo turicara turavuga duti mu bushobozi buke dufite nk'Abanyarwanda reka turebe ko twabona isakaro kugira ngo dufashe ababashije kubona ubwiherero ariko bukaba budasakaye maze tubafashe basakare."

Umuyobozi wungirije ushinzwe imibereho y'abaturage w'Akarere ka Nyanza, Madamu Kayitesi Nadine yatangiye ashimira umufatanyabikorwa APEFA kubw'iyi nkunga y'isakaro ku bwiherero ku baturage bafite ubushobozi buke. Yasabye abaturage ba Butara kugira isuku, baharanira kugira ubwiherero mu ngo zabo.

Ati "Ikibazo cy'ubwiherero ubundi twakabaye tutakikiganiraho ariko kiraduhangayikishije, nta muntu mukuru wakwiye kuba adafite aho yiherera mu rugo. Ni mureke dusubire ku isuku mu miryango, rero ni ukuvuga ngo baradusiga twinogereza, bakubite tubangura natwe."

Mukamana Jacqueline, umubyeyi w'abana 3 utuye mu Murenge wa Kigoma, Akagari ka Butara, Umudugudu wa Kigufi, yagaragaje ko yishimiye iyi nkunga bahawe n'umuterankunga APEFA.



*Umuyobozi wungirije ushinzwe imibereho y'abaturage w'Akarere ka Nyanza, Madamu Kayitesi Nadine| Photo: G. NKOMEJE*



**Kubwayezu Livingstone, ushinzwe Imari ubutegetsi muri APEFA | Photo: G. NKOMEJE**

Ati "Nabyakiriye neza, ndishimye kugira ngo mbone ubwiherero busakaye, narimbufite ariko budasakaye none ndishimye kuko mbonye isakaro."

Minani Noel, umwe mu bahawe iyi nkunga utuye mu Murenge wa Kigoma, Akagari ka Butara, nawe avuga ko iyi nkunga abonye izamufasha gukemura ikibazo cyo kutagira isakaro ry'ubwiherero.

Ati "Bangiriye neza cyane kuko urabona ndasa naho nkiri muto cyane, nafi mfite ubwiherero ariko ntarabona isakaro, none ubu biramfashije, natekerezaga kuzarigura kera ariko ubu ngiye gukataza, buriya nzashaka ibindi mu mwanya w'isakaro."

Umuryango wa APEFA ukaba yatanze iyi nkunga ku baturage, ishyira mu bikorwa amasezerano y'imikoranire mu iterambere n'ibereho myiza y'abaturage, yagiranye n'Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyanza, yashyizweho umukono ku ya 8 Gashyantare 2022.

## ANDI MAFOTO | G.NKOMEJE



*Mu gikorwa cyo gushyikiriza abaturage batishoboye isakaro*



*Abayobozi batandukanye bari bitabiriye igikorwa cyo gushyikiriza abaturage batishoboye isakaro*





*Igikorwa cyo gushyikiriza abaturage batishoboye isakaro cyabereye mu nteko y'abaturage*





# GISAGARA: APEFA YIFATANYIJE N'ABATURAGE MU GIKORWA CY'UMUGANDA



Bamwe mu bakozi ba APEFA mu gikorwa cy'umuganda | PHOTO: G. NKOMEJE

Ku wa Gatandatu, tariki 17 Ukuboza 2022, APEFA yifatanyije n'abaturage bo mu mudugudu wa Gitwa, akagari ka Dahwe, Umurenge wa Ndora, mu Karere ka Gisagara, mu muganda aho bateye ibiti birenga ibihumbi bitatu ku butaka bufite ubuso bwa hegitari hafi ebyiri.
Muri iki gikorwa, APEFA yari ihagarariwe na Livingstone Kubwayezu ushinzwe Imari n'Ubutegetsi, wari kumwe n'abandi bakozi ba APEFA, Nsengiyumva Augustin wari uhagarariye Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kubungabunga ibidukikije (REMA).

Hari kandi; Niyondamya Japhet, umukozi ushinzwe amashyamba n'umutungo kamere mu Karere ka Gisagara, akaba n'imboni y'umushinga wa Green Amayaga muri aka karere, ndetse n'abandi bafatanyabikorwa bahuriye ku gushyira mu bikorwa uyu mushinga wa Green Amayaga.


Livingstone Kubwayezu ushinzwe Imari n'Ubutegetsi muri APEFA, yashimiye buri wese wagize uruhure kugira ngo iki gikorwa-cy'Umuganda kigende neza. Yasobanuye ko uyu wari umwanya mwiza wo kongera gukangurira no gusobanurira abagenerwa bikorwa gufata neza ibibakorerwa mu mushinga wa Green Amayaga kuko bibafitiye akamaro.

Ati "Twaje kwifatanya n'abagenerwabikorwa mu muganda wo gutera ibiti kugira ngo tuganire maze barusheho gusobanukirwa n'ibikorwa by' umushinga wa Green Amayaga, bamenye inyungu uyu mushinga ubafitiye zirimo gusubiza ibibazo bituruka ku mihindagurikire y'ibihe, murabizi ko Akarere ka Gisagara kari mu turere tujya duhura n'ingaruka zituruka kubiza kandi bikaba bituruka ku mihindagurikire y'ibihe, ugasanga birimo birangiza imitungo yabatuye muturere tugize igice cy'Amayaga, ni yo mpamvu twaje kugira ngo twigishe abagenerwa bikorwa gufata neza ubutaka bateraho ibiti by'Amashyamba, iby'Imbuto ndetse nibivangwa nimyaka, barwanya isuri, tukanabasobanurira nanone n'inyungu babifitemo. Ibi byose tubikora tugamije kugira ngo umushinga wa Green Amayaga ugere ku ntego zawo."

Nsengiyumva Augustin wari uhagarariye Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kubungabunga ibidukikije (REMA), yashimiye ubwitange abaturage bagaragaje mu kwitabira iki gikorwa cy'umuganda, abasaba ko bakwiye gukomeza kubungabunga ibiti byatewe ndetse no kurushaho kubyitaho kubera ko bizabagira akamaro.

Niyondamya Japhet, umukozi ushinzwe amashyamba n'umutungo kamere mu Karere ka Gisagara, akaba n'imboni y'umushinga wa Green Amayaga muri aka Karere, yatangaje ko iki gikorwa ari ingira kamaro ku bagenerwabikorwa.

Ati "Ni igikorwa dukoreye igihe kuko cyari gikenewe, nk'uko mu nshingano za Green Amayaga ari ugusubiranya urusobe rw'ibinyabuzima, aka gasozi twateyeho ibiti, ni ubutaka bw'abaturage, bwari umaze imyaka myinshi cyane bwambaye ubusa, byanatezaga n'ingaruka ku mirima yahingwaga bitewe n'isuri yahaturukaga ariko mu by'ukuri iki gikorwa dukoze cyo kuhatera ibiti niyi mirwanyasuri irimo bije gusubiza ibibazo byo gufata neza ubutaka bw'igasozi no mu gishanga bwahingwaga, bisobanuye ko ku ruhande rw'abaturage umusaruro wabo ugiye kuzamuka kuko isuri yajyaga yangiza igishanga twamaze kuyirwanya."



**Kubwayezu Livingstone, ushinzwe Imari ubutegetsi muri APEFA | Photo: G. NKOMEJE**



**Banganirora Renerse ushinzwe Ubuhinzi n'Umutungokamere mu Karere ka Gisagara wari witabiriye iki gikorwa| PHOTO: G. NKOMEJE**

Murenzi Jean De Dieu utuye mu mudugudu wa Ndatemwa, akagari ka Dahwe, Umurenge wa Ndora, umuturage waterewe ibiti, ku buso bwa hegitare 2 na are 25, yishimiye iki gikorwa yakorewe.

Ati "Jyewe nishimye cyane, kuva nabaho kugeza ubu mfite imyaka 62, ni ubwa mbere nabona Leta iza ikaguterera ishyamba, ndizera ko bizongerera agaciro ishyamba ryange."

Mukarugomo Agnes ufite imyaka 65, utuye mu mudugudu wa Gitwa, akagari ka Dahwe, Umurenge wa Ndora, waterewe ibiti ku butaka burenga hitare imwe, ashima APEFA yamutereye ibiti, kuko bizamuteza imbere mu gihe bizaba bikuze.

Ati *"Ntabwo narimfite ubushobozi bwo kubyiterera, ndashima ubuyobozi n'umuryango wa APEFA ko wantereye ishyamba nkazabona inkwi zo gucana, kdi rizanteza imbere mu gihe rizaba rikuze."*

Umushinga wa Green Amayaga kandi ufite ibikorwa ukorera mu Karere ka Gisagara birimo; gutera ibiti by'inturusu, wanatanze amatungo magufi n'amaremere, wanacukuye imirwanyasuri iterwaho urubingo na Gereveliya, ndetse hanaterwa imigano ku migezi.

## ANDI MAFOTO: G. NKOMEJE





Iki gikorwa cy'umuganda cyitabiriwe n'abaturage benshi







Nsengiyumva Augustin wari uhagarariye Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kubungabunga ibidukikije (REMA)



Muri uyu muganda hatewe ibiti birenga ibihumbi bitatu



# APEFA Director attended Polish-Rwandan business forum



**APEFA's Executive Director, Oscar NZABONIMPA attended Polish-Rwandan business forum | PHOTO: N. GAMAHORO BENIE**

The APEFA Executive Director, Oscar NZABONIMPA attended Polish-Rwandan business forum, that took place at Kigali Serena Hotel, on 5th December 2022.

Dr Vincent Biruta, The Ministry of Foreign Affairs and International Cooperation, at this meeting in his remarks, he appreciated the bilateral cooperation in various fields including education, trade and investment.

MORE PHOTOS: N. GIRAMAHORO BENIE










# APEFA EXECUTIVE DIRECTOR ATTENDED "THE WORLD CIRCULAR ECONOMY FORUM 2022"



APEFA's Executive Director, Oscar NZABONIMPA at the World Circular Economy Forum 2022

The APEFA Executive Director, Oscar NZABONIMPA attended the World Circular Economy Forum 2022, that took place in Kigali-Rwanda, from 6-8 December 2022.

"The circular economy represents the single greatest opportunity to supercharge green growth and job creation in Africa, and we look forward to sharing Rwanda's experience and learning from others."- Said, Mujawamariya Jeanne D'Arc Minister of Environment, at the launch of the World Circular Economy Forum.

**Action pour la Protection de l’Environnement et la Promotion des Filières Agricoles**
**« APEFA »**

**TOGETHER SAY NO TO ENVIRONMENT DESTRUCTION**
**ENVIRONMENT FIRST**

P.O. Box 4887 Kigali
Head Office:
Kigali City, Gasabo-Kimihurura,
Salesians Father of Don Bosco
Provincial House; Street: KN 14 Av 45

www.apefarwanda.org
APEFA RWANDA